Δ 1 GÉNÉRALITÉS

Kwohereza ingingo zizigirwa mu Nama yo ku wa 4 Kamena 1998

1998

MINISITERI Y'URUBYIRUKO,
SIPORO,UMUCO NO KWIGISHA
IMYUGA ICIRIRITSE
B.P.1044-Kigali

Kigali, le 1.../06/98

Garde
& Réunion
de cadre
du MIJESCAFOP

Gardes
19/6/98

**Bwana Munyamabanga**
**Mukuru muri MIJESCAFOP**
**Kigali**

**Impamvu :**
**Kwohereza Ingingo zizigirwa**
**mu Nama yo ku wa 4 Kamena 1998**

Bwana Munyamabanga Mukuru,

Nk'uko Nyakubahwa Minisitiri yabidusabye mu Nama yo ku wa 21Gicurasi, yari ihuriwemo n'Abayobozi b'Imirimo muri MIJESCAFOP, nshimishijwe no kubohereza zimwe mu ngingo numva zakwigwaho mu nama itaha iteganyijwe taliki ya 4 Kamena 1998.
Ibyo bibazo ni ibi bikurikira :

1. Gusuzumira hamwe imodoka zishaje zigomba kugurishwa kugira ngo dushobore kugeza bidatinze ilisiti yazo muri « National Tender Board »
2. Gusobanura imiterere n'imikoreshereze y'ifishi igenzura ihererekanywa y'inyandiko Ndanga -Bintu (Fiche de Contrôle de Transmission des Dossiers) kugira ngo turwanye itinda n'itakara ry'Amadosiye.
3. Kwongera gusuzuma Ibice by'Abakozi (Catégories) barebwa n'icyemezo cya Minisitiri no1 cyo ku wa 28 Mutarama 97 cyerekeranye n'Inyongera kubera amasaha y'ikirenga y'akazi ahoraho.

Mbifurije kubyakira neza.

Umuyobozi w'Imirimo Rusange

**KANYANGE Anne Marie**

Kanyange

**Bimenyeshejwe :**
V **-Nyakubahwa Minisitiri w'Urubyiruko,**
**Siporo ,Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse**

REPUBLIQUE RWANDAISE

MINISTERE DE LA JEUNESSE
DE LA CULTURE, DES SPORTS
ET DE LA FORMATION
PROFESSIONNELLE
B.P. 1044 KIGALI

Kigali, le ..................................199..........

N°..............................................................

Kuri Bwana, Madamu,

- Umunyamabanga Mukuru muri MIJESCAFOP.
- Abakuru b'Imirimo.(bose)

**Impamvu** : Kubatumira mu nama.

Bwana, Madamu,

Nishimiye kubatumira mu nama izateranira mu biro by'inama y'ibiro bya Minisitiri kuwa mbere tariki ya 6/7/98

gatatu 8

**IBIZIGWAHO** :

1. Kwemeza imyanzuro y'Inama yo ku wa 21/5/98
2. Ibibazo byandikishijwe n'Umuyobozi w'Ishami ry'Imirimo Rusange :

    2.1 Imodoka zigomba kugurishwa.
    2.2 Imiterere n'imikoreshereze y'ifishi igenzura ihererekannywa z'inyandiko ndanga-bintu(Fiche de Contrôle de Transmission des Dossiers & Courrier).
    2.3 Inyongera kubera amasaha y'ikirenga y'akazi.

3. Ibindi.

**Icyitonderwa** : Umuyobozi w'Ishami ry'Imirimo Rusange asabwe kuzaba yagejeje nibura amasaha 24 mbere y'inama ku batumiwe inyandiko zigendana n'ingingo yandikishije kuri gahunda.

Imirimo myiza.

**Dr Yakobo BIHOZAGARA**

**Minisitiri w'Urubyiruko Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse.**

Tél. 8 35 12, 8 35 13, 8 35 40 Fax. 8 35 18